

10/21/18

***Ubutumwa bwa Padiri Jim.***

Kubaha ubuzima muri uku kwezi kwa 10 (Ukwakira ). Gufasha gusangira ibibazo mwaba mufite abakristu nicyo cyingenzi muri uku kwezi kwa 10 .

Ubuzima iyo bumenetse ntibuyorwa kubungabunga ubuzima bwacu ntako bisa ! Yezu kristu yaduhaye ingero nyinshi zo kubana mu mahoro .

Iyo umukristu afashije mugenzi we bigirira akamaro Kiliziya yacu , muri rusange abakristu bose mu karere dutuyemo usanga byose bigenda neza .

Ngaho reba abakristu bose bagiye bagakora ibyo bagomba gukora isi irameria neza muri rusange . Iyo abakristu bafashe ingendo bakajya gusura bagenzi babo aho batuye aho baba . Usanga ntako bisa iyo urebye ukuntu abantu bose babayeho usanga ari magirirane. Mubyukuri kubaho ubanye neza na mugenzi wawe ntako bisa kuko bifasha abantu bose muturanye kandi ugasanga abakristu bose bafite gahunda bagenderaho muri rusange ! Iyo n'impano twahawe na Yezu Kristu umushumba wacu ,kuko Yezu Kristu ni umwami wacu kugeza kumunsi w'imperuka agarutse .

Burigihe Kiliziya yacu ihora ishagawe n'abakristu kandi rero yagombye guhora ishagawe burigihe kuko biyifasha muribyose . Muze twese tuyoboke Kiliziya yacu .

Mana yacu ukomeze kudufasha muribyose maze dukomeze twitabire ibyo Imana ishaka ko dukora ,nyagasani mana yacu komeza uturwaneho muri byose turi abana bawe dukeneye amasengesho menshi cyane kugirango tubashe kugukorera dawe watwese . Hari bamwe batikozwa gukora ibyo ushaka muri Kiliziya yawe nyagasani turagusabye udufashe uduhe umutima nama wo kugukorera muri byose . Ngaho nyagasani komeza udufashe kugera kuntego yacu n'ababandi nabo bagaruke munzira nziza ushaka . Nyagasani ugushaka kwave kuzahoreho iteka ryose ku isi no mwijuru ngaho nyagasani tukwishize mumaboko yawe .

Uy'umunsi wo kucyumweru ni umunsi w'isi yose w'ivuga butumwa , Ni muze mwese dusengere Kiliziya yacu hamwe n'abantu bose bihaye Imana rwose abo bantu bemeye guta ibyabo byose bakemera gukurikira Imana muri byose . Ngaho abantu Imana ishaka ko bafasha bagenzi babo kandi hamwe n'abandi batajijukiwe mu gufasha bagenzi babo . Ni muhaguruke mwese hamwe mufashanye muzagera kuri byose mukeneye kandi mwifuza .

Urakaza neza Padiri ( Fr Len Wenke ) . Fr Len Padiri kuri Paruwasi ya Our "Holy Family " na Our Lady of Lourdes . Kandi muziko "Holy family " niyo ifite abayoboke bava muri Guatemala bakaba bavuga Igisipanyoro . Bagira misa buri cyumweru satanu mu gitondo 11.

Gukomezwa ni mukwezi kwa cumi nakumwe 11 italiki ya 4 hakazahita hakurikiraho misa . Inama ya Paruwasi yo izaba kucyumweru mukwezi kwa cumi italiki ya 28.

Porogaramu y'abana ni abana bafite imyaka 10 na 12 hamwe n'abafite imyaka 13kugeza kuri 18 ni mukwezi kwa cumi italiki ya 21 na 28 .

Amicus Children Learning Center , ni hano kuri Paruwasi ya Mutagatifu Lewu . Ukeneye ko umwana we ahiga Dore phone # mwahamagara hamwe n'umuntu mwavugana nawe ni Ms Mabel kuri phone # ( 513) 518-1001. Amen.

